République du Rwanda
Ville de Kigali

UMUJYI WA KIGALI

N° Réf.2796../07.11.14/06

Kigali, 06./11../2006

SECRETARIAT CENTR
06 NOV 2006
33354
UAT
07.04

Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
Imiyoborere Myiza, Amajyambere Rusange
n'Imibereho Myiza y'Abaturage
**Kigali.**

**Impamvu:** Kwohereza raporo y'Imihigo
Mata-Nzeli 2006

Bwana Minisitiri,

Ku mugereka w'iyi baruwa, tuboherereje raporo igaragaza ishyirwa mu bikorwa ry'Imihigo y'Umujyi wa Kigali kuva muri Mata kugeza mu Kwakira 2006.

Tubifurije kuyakira neza.

Umuyobozi w'Umijyi wa Kigali

**Dr Aisa KIRABO KACYIRA**

Ville de Kigali, B.P.3527 Kigali, Tél. 250-57-2255 / 57-6967 /57-5958 & Fax 250-57-3684 www.kigalicity.org

# ISUZUMA RY'ISHYIRWA MU BIKORWA RY'IMIHIGO Y'UMUJYI WA KIGALI MATA-UKWAKIRA 2006

Ugushyingo 2006

## UNITE ISHINZWE IMITURIRE N'ITERAMBERE RY'IBIKORWA REMEZO

## IMIHIGO

1. Imihanda ya Kaburimbo:

- Kinamba → Memorial → FAWE Nyarutarama (8.3km)
- Giporoso → Kabeza → Rubirizi (5.5km)

## IMIHIGO…

2. Imihanda y'amabuye

- Mulindi → Kanombe (1.5km)
- Sonatubes – Gisimenti (.92km)
- Kigugu – Rugando (1.71km)
- Kicukiro – Kagarama (3.17km)
- Okapi-Soferwa-APACOPE(1.25km)
- Cercle Sportif-Nyamirambo "40" (2 km)
- Kagunga – Gashyekero (2.5km)
- Umuyoboro w'amazi (2km)

## IMIHIGO….

3. Gusana ibinogo mu mihanda ya kaburimbo (80km)
4. Kugira inyigo y'imihanda (300km)
5. Kubarura imihanda "road Inventory"

## Transport

6. Parking ya etages 4 igezweho
7. Rond Point ya Kijyambere
8. Imbuga itoshye Kigali City Park
9. Inzira z'abanyamaguru "Trottoir" (8.8km)

## IMIHIGO....

10. Gare ya Kimironko

# IBIDUKIKIJE

11. Gusibura imiferege ku mihanda yose
12. Gutunganya “espaces à vivre 8”
13. Igishushanyo mbonera cyo kuyobora amazi yanduye
14. Kwigisha itegeko ry’ubutaka
15. Gukangurira abatuye Umujyi ibikorwa by’isuku

## IMIHIGO....

16. Gutunganya imbuga zitoshye
17. Kurwanya isuri
18. Gufata amazi y’imvura
19. Gutera ibiti
20. Guteza imbere isuku yo mu ngo, isuku ku mihanda minini
21. Kuvugurura imicungire y’ikimpoteri cya Nyanza
22. Kubaka ubwiherera rusange no gushiraho dustbins (poubelles)

## IMITURIRE

- Kugira igishushanyo mbonera cy'Umujyi wa Kigali
- Kubika no gucunga amadosiye hakoreshejwe ICT
- Kugira agatabo k'imicungire y'ubutaka (Manuel de procedure)
- Service z'ibibanza zegerejwe benebwo
- Service zitantangwa kuburyo bwihuta

# IBIKORWA BY'INGENZI BYAGEZWEHO

# IMIHANDA

Imihanda y'amabuye

12 km



# Gusana ibinogo

Icyiciro cya mbere

Imihanda ifite km 40



# TROTTOIRS

Ibyari biteganyijwe byose byarakozwe.

Hiyongereyeho Rond point Centenary Ho



# Road Inventory

Imirimo yararangiye



## Rond Point centre ville ifite "fountain" ya "bassins" 3

Imirimo igiye kurangira





## KIGALI CITY PARK

Hatangiye gutunganywa

# Iv. IMITURIRE

•Igishushanyu mbonera kigeze ku ntambwe ishimishije(Draft izaboneka muri uku kwezi kwa 11)

•Igikorwa cyo kubika amadosiye muri computer kirakomeza

•Amadosiye 11753 yamaze kubikwa muri Computer.



# V. GUTWARA ABANTU N'IBINTU

- Gukurikirana imirimo yo kubaka inyubako ya kijyambere ya parikingi ahahoze gare mu Mujyi rwagati
- Amabwiriza agenga imitwarire ya za moto.
- Gukorana n'abakora umwuga wo gutwara abantu kugirango uwo mwuga unozwe.
- Gutanga impushya zemerera abantu bamamaza ibikorwa byabo bakoresheje ibyapa n'ibitambaro byabugenewe.



## KURENGERA IBIDUKIKIJE

- Amashyirahamwe akora isuku yashyizweho
- Gushyiraho za dustbins/poubelles publiques







## IBITARAGERWAHO

1. Imihanda y'amabuye
2. Inyigo ya km300
3. Gare ya KIMIRONKO
4. Ubwiherero rusange

# IBITEGANYIJWE

# MU MIHANDA

- Kurangiza kubaka imihanda y'amabuye
  - Kagarama
  - Rugunga-40, SOFERWA-APACOPE
- Kubaka imihanda ishaje cyane:
  - e.g Centre Ville – Nyamirambo
  
  inyigo irihafi kurangira
- Gukomeza gusana imihanda ya kaburimbo ishaje (ibinogo)

26/10/06

## AMAZI N'INGUFU

- Gukora ibarura ry'amatara
- Kugeza amazi meza mu Mirenge ya Nyamirambo na Kigarama
- Gukomeza igikorwa cyo gusana amatara yo ku mihanda.
- Gukurikirana umushinga w'amashanyarazi akomoka ku mirasire y'izuba Jari
- Amazi ya Karenge na Nyabarongo

## GUTWARA ABANTU N'IBINTU

- Gusana amatara ayobora ibinyabiziga mu rwego rwo kwirinda impanuka (Isoko riteganyijwe gutangazwa mu binyamakuru mu cyumweru gitaha)
- Kubaka ubwugamo bw'abantu bateze taxi "abris bus/ bus shelters" ku mihanda kugirango mu gihe bategereje bisi baticwa n'izuba cyangwa ngo banyagirwe.
- Gushyira ibyapa biyobora ibinyabiziga muri Estate 2020.
- Gutegura amabwiriza agenga ibyapa byamamaza mu Mujyi wa Kigali



## ISUKU NO KURENGERA IBIDUKIKIJE

- Gukomeza gushyira “poubelles publiques” mu mujyi aho zitaragera
- Kubaka ubwiherero rusange
- Gukomeza gukangurira abaturage kwitabira ibikorwa by’isuku
- Gutera ibiti no gutunganya imbuga zitoshye
- Gukora inyigo yo kubyaza amashanyarazi ibishigwe

## UBUMWE(Nyarugenge)



## KIMICANGA(Gasabo): 59 PLOTS



## KARUKAMBA: ( Gasabo)30 PLOTS



BATSINDA:3 590 PLOTS (LOW COST)



AKUMUNIGO(Nyarugenge): 1550 PLOTS (low cost)



KIMISANGE(Kicukiro):1038 plots (low cost)



UNITE YA POLITIKI N'ITERAMBERE RY'IMIBEREHO MYIZA

## IRIBURIRO

Guhera mu ntangiriro z'ukwezi kwa Mata 2006, Umujyi wa Kigali watangiye gushyira mu bikora imihigo twiyemeje imbere ya Nyakubahwa Perezida wa Repubulika ku itariki ya 04/4/2006.

Bimwe mu bikorwa byararangiye, ibindi ntibyari byarangira ariko turizera ko byose bizaba byarangiye mbere y'uko uyu mwaka urangira.

## Ibyari biteganyijwe gukorwa

- Imirenge 30/35 izaba yubakiwe ku mpera ya 2006
- Utugari 127/161 tuzaba twubakiwe ku mpera ya 2006
- Raporo zinama Njyanama zisabwa buri kwezi, na buri gihembwe nkuko biteganwa n'Itegeko ... zizajya zikorerwa kugihe kandi zoherezwe ku rwego rwisumbuye.

## Ibyari biteganyijwe gukorwa

- Gushyira mubikorwa 90% ibyemezo bya Njyanama ku rwego rw'Uturere n'Imirenge
- Gukorera abayobozi isuzumamikorere buri mwaka
- Guhuza Ubuyobozi by'Umujyi n'abaturage mu Mirenge 1 buri kwezi
- Ibibazo bya ruswa n'akarengane biregwa n'abaturage bizakemuka kuri 75%

## Ibyari biteganyijwe gukorwa

- Abaturage bazitabira Gacaca kuri 60%
- Abaturage bazitabira Umuganda 60%
- Kumenya umubare w'abatishoboye 80%
- Kumenya umubare w'abacitse kw'icumu rya genocide 100%
- Guha abaturage ubuvuzi bubanogeye nogushyira ibikoresho mu bitaro bya Muhima na Kibagabaga

## Ibyari biteganyijwe gukorwa

- Kwegereza abaturage ubuvuzi bwibanze hagamijwe kubaka ikigo nderabuzima cya Akumunigo nizu y'ababyeyi ya Busanza
- Kongera ubwitabire bw'abaturage mu bwisungane mukwivuza (mutuelle de sante) bukagera kuri 60%
- Kugabanya ikwirakwizwa ry'icyorezo cya Sida abanduye bagahabwa imiti, abatanduye bakagezwaho inyigisho zo gukumira icyo cyorezo

## Ibyari biteganyijwe gukorwa

- Kugabanya 20% by'ababyeyi bapfa babyara
- Kugabanya 20% by'abana bapfa bavuka
- Kugena umubare w'amashuri akenewe muri buri murenge
- Kureba uko amashuri yubakwa hakurikijwe amasezerano yakozwe
- 90% by'abantu 5000 bateganijwe n'Uturere bazaba bazi gusoma no kwandika

## Ibyari biteganyijwe gukorwa

- Kugabanya umubare w'abana bava mumashuri batarangije ukava kuri 8% ukagera kuri 4%
- Kugabanya umubare w'abanyeshuri basibira kuva kuri 10% kugera kuri 6%
- Kwongera umubare w'ibigo by'amashuri bigenzurwa mumyigishirize (inspection) kuva kuri 40% kugera kuri 70%

## Ibyari biteganyijwe gukorwa

- Guha komite z'Inama y'Igihugu y'abagore mu Mujyi wa Kigali ibiro ku Turere 100%, ku Mirenge 60%
- Gushyira ahagaragara gahunda zihamye z'ibikorwa by'Inama y'Igihugu y'abagore mu Mujyi wa Kigali (Action Plan)
- Kuzamura umubare w'amashyirhamwe y'abagore afite ibyangombwa ukagera kuri 50
- Kuzamura umubare w'amashyirahamwe y'abagore afite imishinga ibyara inyungu (umusaruro ugaragara) kuva 10% kugera kuri 30%

## Ibyari biteganyijwe gukorwa

- Kwinjiza ibigega 35 by'Imirenge muri gahunda y'ibigo by'imari iciriritse (micro-finance)
- Gusezeranya 90% by'ababana batarasezeranye/batarashyingiranywe mu buryo bwemewe n'amategeko
- Buri Karere k'Umujyi wa Kigali kazaba gafite ekipe y'umupira y'amaguru
- Buri Karere n'Umurenge bizaba bifite itorero ndangamuco

## Ibyari biteganyijwe gukorwa

- Kwongera umubare 'amatorero ndangamuco mu Mirenge kuva kuri 50% kugeza kuri 70%
- Gutunganya inzibutso 6 zubakiwe nogushyingura abatarashyingurwa
- Kongera umubare w'Imirenge kuva kuri 60% kugera kuri 80% y'itabira gushyira ahagaragara ubuhanga n'ubumenyi (talent) by'urubyiruko mu bikorwa bitandukanye
- Buri karere (3) kuba gafite ikigo gikurikirana abana batishoboye bafite imyaka 4-6, kibategurira ejo hazaza heza.

# IBYAGEZWEHO

Mu rwego rwa politiki,  umutekano n'ubutabera

- Hakozwe inama zo gushishikariza abaturage kwitabira no kugira uruhare mu nama Njyanama ku nzego zose;
- Abaturage bakanguriwe gushyira mu bikorwa politike n'amabwiriza cyane cyane arebana no kurengera ibidukikije, imiturire, imbonezamubano, Umuganda, Inkiko Gacaca, Abunzi, twifashishije imiryango itagengwa na Leta  harimo n'itangazamakuru ;
- Hakozwe  inama zihuza ubuyobozi bw'Umujyi n'abaturage mu Mirenge;

**Politiki, Umutekano n'Ubutabera**

- Umuganda wa buri kwezi warateguwe kandi umaze gukorwa inshuro 7
- Hatunganyijwe imirimo ya Gacaca na TIG
- Hakozwe amatora yo kuzuza inzego z'ibanze
- Ibyemezo by'Inama Njyanama byashyizwe mu bikorwa kuri 80%, ibitarashyirwa mu bikorwa ni ikibazo cy'amikoro make cyangwa bikiri muri process

Politiki, umutekano n'ubutabera

- Abaturage bitabira Gacaca;
- Abaturage bitabira Umuganda;
- Hasezeranyijwe imiryango y'ababanaga batarashyingiranywe ;
- Inzibutso za Genocide zirasukurwa kandi abaturage bakanguriwe kurwanya ingengabitekerezo ya Genocide;

Politiki, umutekano n'ubutabera....

- Buri gihembwe abaturage batangarizwa uko ibyari biteganijwe byagezweho mu rwego rwo gukorera mu mucyo.

Politiki, umutekano n'ubutabera....

Imirenge 28 kuri 35 yamaze kubonerwa ibiro byayo, Ibiro bya Gikomero,Rutunga, Bumbogo na Nduba yo muri Gasabo byatangiye kubakwa. Naho Niboye, Rwezamenyo nayo yabonewe inkunga hasigaye umurenge wa Kigarama ugishakirwa amafaranga yo kubakirwa.

Utugari 25/161 tugize Umujyi wa Kigali nitwo dufite aho dukorera.





# Ubuzima

- Ubwisungane mu kwivuza bumaze kwitabirwa n'abaturage 416 654/ 661 159 :




# Ubuzima

- Ibitaro bya Kibagabaga byaruzuye, byashyizwemo ibikoresho, byatangiye gukora tariki ya 30/10/2006. Inzu y'ibagiro niyo itaratangira kubera ibikoresho bitarashyirwamo
- Inzu y'ibyariro ya Busanza yaruzuye hasigaye gutunganya hasi no gushyiraho uruzitiro
- Centre de Sante y'Akumunigo yatangiye kubakwa ubu igeze igihe cyo kuyisakara
- Igenzura ry'isuku mu ma hotel na restaurant byarakozwe (ibi ni ibikorwa byakozwe na Inspection )
- Abaturage bashishikarijwe gukoresha inzitiramibu,inzitiramubu zatanzwe mu karere ka Gasabo ni 80,774 kuri 150,000 zateganywaga. Mu Karere ka Kicukiro hatanzwe inzitiramubu 54,165 ku baturage 207,819. Abaturage b'uturere uko ari dutatu bakanguriwe kwirinda SIDA n'indwara ziterwa n'isuku nke
- Amashyirahamwe y'ababana n'ubwandu yamaze kubarurwa,muri Gasabo hari 17, Kicukiro hari 60, Nyarugenge imibare ntibarayiduha*

## Uburezi

Hubatswe ibyumba 22 kuri 58 byari biteganyijwe, ibisigaye biracyubakwa ku nkunga ya BAD

**Aho tuva**





**Aho tugana**

## Uburezi....

- Amashuri yisumbuye yose uko ari 64 yakorewe igenzura ry'imyigishirize naho mu mashuri abanza hagenzuwe 83/139
- Ibigega by'uburezi byavanywe ku karere bishyirwa ku mirenge kandi birakora hose;
- Mu rwego rwo gushyigikira ikoranabuhanga mu mashuri; hashyizwe nibura computer 1 kuri buri shuri rifite amashanyarazi, internet niyo itaragera hose
- Hatangijwe amasomero yo kwigisha abakuze gusoma na kwandika kuri buri murenge
- Hakoreshejwe amarushanwa (Test et Concours) muri Science no mu ndimi mu mashuri yisumbuye yose.
- Amashuri ashaje yarasanwe hubakwa n'ibyumba 22 bishya

## Uburezi

- Komite ya Koperative y'abarimu SACCO (Saving and Credit Cooperative) yashyizweho
- Abayobozi b'amashuri abanza bose bahuguwe mu micungirie y'amashuri (school management)

## Inama y'Igihugu y'abagore niy'urubyiruko

- Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore n'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ku rwego rw'Umujyi wa Kigali n'Uturere bahuguwe ku mategeko agenga izo nzego n'Itegeko ry'Umuryango, Impano n'Izungura
- Hatangijwe Programme yo kwinjiza ibigega by'abagore mu Mirenge muri gahunda y'ibigo by'imari iciriritse
- Abagore bacururizaga ku dutaro barahuguwe (in what???) bibumbira mu mashyirahamwe, kandi ubu batewe inkunga irenga 7 000 000 frw
- Koperative y'urubyiruko yo kubika no kugurizanya (COOJAD) yaratangijwe ku mugaragaro.
- Hatangijwe siporo ya benshi (sport de masse) kandi ikorwa nibura buri kwezi

Inama y'Igihugu y'abagore niy'urubyiruko

- Urubyiruko n'abandi batuye Umujyi wa Kigali bitabira siporo zinyuranye
- Urubyiruko rwitabira umuco nyarwanda no guhanga binyuze mu matorero ndangamuco;

## ______ UBUY0BOZI BW'IGENZURA RUSANGE

______________

## Inzego zigize Ubuyobozi bw'Igenzura Rusange

1. Ubugenzuzi bw'Ibikorwa Remezo
2. Ubugenzuzi bw'Imyubakire n'Amazu
3. Ubugenzuzi bw'Ubuzima n'Isuku
4. Ubugenzuzi bw'Umurimo ( Ubu bukorerwa mu Turere)
5. Ubugenzuzi bw'imikorere n'imikoreshereze y'umutungo

55

**Mu Bugenzuzi bw'Ibikorwa Remezo**

- Kugenzura no kubungabuna imihanda; ku gipimo cya 85%.
- Kurwanya iyangizwa ry'ibikorwa remezo; ku gipimo cya 90%.
- Gushyiraho amategeko n'ibihano ku bangiza ibikorwa remezo; ku gipimo cya 90%

**Mu Bugenzuzi bw'Imyubakire n'Amazu**

- Kubarura no guhagarika ikorerwamo ku mazu atuzuye; ku gipimo cya 80%
- Kunoza imikorere n'imikoranire y'Uturere n'Umujyi wa Kigali mu itangwa ry'ibibanza; ku gipimo cya 100%

**Mu Bugenzuzi bw'Ubuzima n'Isuku**

- Kugenzura hoteli na resitora; ku gipimo cya 90%.
- Kugenzura amavuriro na farumasi; ku gipimo cya 100%.
- Inama nyunguranabitekerezo ebyiri mu kunoza isuku ahahurira abantu benshi.
- Kubarura no kugenzura amagereza na kasho; ku gipimo cya 100%

## Mu Bugenzuzi bw'Umurimo

- Ibigo by'umurimo bifite amategeko agenga umurimo; ku gipimo cya 100%
- Guhugura abakozi n'abakoresha mu mategeko agenga umurimo; ku gipimo cya 50%.
- Gushyigikira syndicats no gushyiraho izindi, habumbirwa abakozi mu ma syndictas; ku gipimo cya 50%
- Kwemeza amategeko agenga umurimo y'ibigo by'umurimo; ku gipimo cya 50%

## Mu Bugenzuzi bw'Imikorere n'Imikoreshereze y'Imali n'Umutungo

- Raporo ebyiri mu mwaka z'ubugenzuzi bw'Umujyi wa Kigali n'uturere tuwugize.

# IBYAGEZWEHO MU MIHIGO YO MU MWAKA WA 2006

## 1. UBUGENZUZI BW'IBIKORWA REMEZO

- Hagenzuwe imihanda minini ya kaburimbo itanu.
- Hagenzuwe iyangizwa ry' ibikorwa remezo bitandukanye.
- Hagenzuwe iyubakwa ry'mihanda y'amabuye.



## 2. UBUGENZUZI BW'IMYUBAKIRE N'AMAZU

- Hagenzuwe inyubako nini 25 zakorerwagwamo zituzuye.
- Hagenzuwe iyubakwa ry'ibikorwa by'imishinga (amashuri, amasoko, amavuriro, ...).
- Hakurikiranywe amadosiye y'ibibanza afite ibibazo



63

## 3. UBUGENZUZI BW'ISUKU N'UBUZIMA

- Hagenzuwe Resitora 50 na Hoteli 20. Byagezweho 100%.
- Hagenzuwe Pharmacies, Dépôt pharmacétiques na Comptoirs pharmacétiques 235. Ubu harakora Pharmacies 35, comptoirs pharmacétiques 10, na Dépôts pharmacétiques 28. Byagezweho 100%
- Hagenzuwe amavuriro 20 yigenga na 7 ya Leta, n'ibitaro bya Muhima.
- Hagenzuwe Gereza za Kigali na Kimironko, na Kasho zose ziri mu Mujyi wa Kigali.





64

## 4. UBUGENZUZI BW'UMURIMO

Hakurikijwe raporo z'Uturere, hagenzuwe iyubahirizwa ry'amategeko agenga umurimo mu buryo bukurikira:

- Akarere ka Gasabo: Ibigo 18
- Akarere ka Kicukiro: Ibigo 15
- Akarere ka Nyarugenge: Ibigo 15



## 5. Ubugenzuzi bw'imikorere n'imikoreshereze y'imari n'umutungo

- Hagenzuwe Umujyi wa Kigali mu gihembwe cya I n'icya II bya 2006.
- Harangijwe igenzura kuri Serivisi y'ibaruramari y'Akarere ka Kicukiro mu gihembwe cya mbere 2006.
- Hatangiwe igenzura ku ihererekanyabubasha hagati y'Ubuyobozi bushya bw'Umujyi wa Kigali n'Ubuyobozi bwacyuye igihe.

## IBITEGANYIJWE KUGERWAHO MU GIHEMBWE CYA IV, 2006

### 1. Ubugenzuzi bw'Ibikorwa Remezo

- Kugenzura ibikorwa Remezo bishya byubakwa (Imihanda, Ruhurura,amateme, rond point...) no kugaragaza ibyangiritse bikeneye gusanwa.

## 2. Ubugenzuzi bw'Imyubakire n'amazu

- Gukurikirana ikibazo cy'inyubako zituzuye
- Gukurikirana ikibazo cy'inyubako ziri mu gishanga cya "Poids Lourds"
- Guhuza ibikorwa by'ubugenzuzi ku Turere n'imirenge harwanywa imyubakire y'akajagari.
- Gukurikirana iyubakwa rya kiosque za kijyambere mu Turere n'amategeko y'imyubakire mu Mujyi wa Kigali

69

## 3. Ubugenzuzi bw'Isuku n'Ubuzima

- Gukomeza igenzura ry'amavuriro yigenga
- Gukomeza igenzura ry'isuku muri za za resitora
- Gukurikirana ikibazo cy'amaresitora yo mu tujagari mu Mirenge

70

## 4. Ubugenzuzi bw'Umurimo

- Gukurikirana ibibazo bigaragazwa mu maraporo y'uturere mu rwego rwo gufasha kubibonera ibisubizo.

## 5. Ubugenzuzi bw'imikorere n'Imikoreshereze y'imari n'Umutungo

- Kurangiza igenzura ry'ihererekanyabubasha mu Mujyi wa Kigali
- Kugenzura Umujyi wa Kigali, igihembwe cya III cya 2006.

# IMBOGAMIZI

**Muri Rusange, mu kazi kabo, abagenzuzi bahura n'imbogamizi zikurikira:**

- Imyumvire y'abaturage ikiri hasi
- Kutagira ibipimo ngenderwaho (norms, standards)
- Kutagira itegeko ku byaha n'ibihano
- Kutabona amahugurwa

# UBUYOBOZI BW'IGENAMIGAMBI N'ITERAMBERE RY'UBUKUNGU MU MUJYI WA KIGALI

**Ibyateganyijwe mu Bukungu n'Igenamigambi Mata-Ukwakira 2006**

- Gutegura gahunda y'ibikorwa y'Umujyi wa Kigali 2006 no gukurikirana ishyirwa ryayo mu bikorwa
- Gukurikirana ishyirwa mu bikowa ry'ingengo y'imali no kuyivugurura
- Gukurikirana amashyirahamwe. ubucuruzi n'imishinga mu Mujyi wa Kigali
- Gukurikirana ubuhinzi n'ubworozi
- Gukurikirana ikusanyamibare mu Mujyi wa Kigali

**Ibyagezweho mu Bukungu n'Igenamigambi Mutarama-Ukwakira 2006**

- Gahunda y'ibikorwa y'Umujyi wa Kigali ya 2006 yarateguwe iremezwa
- Ingengo y'Imali y'Umwaka 2006 yemejwe n'Inama Njyanama yo kuwa 28/05/2006
- Ingengo y'Imali MTEF 2007-2009 yarateguwe yemezwa n'Inama Njyanama yo kuwa 25/09/2006
- Hakurikiranwe itegurwa rya EDPRS mu rwego rw'Igihugu.

**Ibyagezweho mu Igenamigambi n'Ubukungu**

- Monographies z'Uturere zirategurwa ku buryo iy'Umujyi izaboneka mu mpera z'Ugushyingo 2006
- Hakozwe icyegeranyo cy'imishinga ikorera mu Mujyi no mu Turere tuwugize, igakurikiranwa buri kwezi
- Habaye gusura amashyirahamwe no gushakira ibyangombwa atabifite

**Ibyagezweho mu Igenamigambi n'Ubukungu**

- Hakozwe igenzura mu bucuruzi no gushishikariza abacuruzi kwitabira ubucuruzi bufatika (urugero:
- abagore bagendanaga udutebo bitabiriye amasoko)
- Mu buhinzi n'ubworozi, hinzwe umushinga wo guhinga indabo w'ishyirahamwe COGRIBU, hakomeza inyigo y'isoko Kigali City Market ( Isoko riza hunika ibiribwa mu Mujyi wa Kigali)
- Hakozwe igenzura ry'ahacururizwa inyama mu Turere twose tw'Umujyi wa Kigali

**Ibyagezweho mu Igenamigambi n'Ubukungu**

- Amalisiti y'abagomba guhabwa inka mu Turere yarabonetse, ubu barakangurirwa gutegura aho bazororera, bongera ubwatsi banatunganya ibiraro.
- RALDA yatanze isoko ryo kugura izo nka.
- Ubuhumbiko 29 bwarasuwe, ingemwe zikaba zarashyizwe mu bihoho, hakaba hazatangwa ingemwe 1 024 000 mu gihe cyo kuzitera.

## Ibyagezweho mu Igenamigambi n'Ubukungu

- Inyigo z'ibishanga bya Nyabugogo n'Umushumba mwiza zararangiye
- Igishanga cya Gatenga cy'abapadiri b'abasaleziyani kirimo gutunganywa ku nkunga y'ibihugu by'ubumwe bw'i Burayi ingana na 202 588 000 Frw.
- Ku bijyanye no guhinga ibihumyo, abantu 20 baturutse mu mudugudu wa Kinyinya barahuguwe.

## Ibiteganywa mu Igenamigambi n'Ubukungu mu mezi asigaye y'umwaka

- Gutegura gahunda y'ibikorwa ya 2007
- Gukomeza gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya Gahunda y'ibikorwa ya 2006
- Gukurikirana amashyirahamwe n'ubucuruzi mu Mujyi wa Kigali
- Gukurikirana ubuhinzi n'ubworozi mu Mujyi wa Kigali
- Gukurikirana ikusanyamibare mu Mujyi wa Kigali

## ISHAMI RISHINZWE GUCUNGA NO GUTEZA IMBERE ABAKOZI

INSHINGANO 01

- KUGIRA INAMA UBUYOBOZI MU BURYO BWAGUYE, MUBIKORWA NI NGAMBA ZO GUCUNGA NO GUTEZA IMBERE ABAKOZI;
- GUKORA, GUSHYIRA MUBIKORWA NO GUKURIKIRANA INGAMBA ZO GUCUNGA ABAKOZI;

## INSHINGANO 02

- GUSYHIRAHO ABAKOZI, GUCUNGA IMIKORERE (*performance*) NO KUBATERA IMBARAGA (*motivation*) MU KAZI BASHINZWE;
- GUKORA IGENAMIGAMBI RIJYANYE NABAKOZI BAKENEWE NO KONGERA UBUSHOZI BAFITE;

## INSHINGANO 03

- KUMENYA AHO UBUSHOBOZI ARI BUKE, AMAHUGURWA AKENEWE NO KUYASHYIRA MUBIKORWA;
- GUTERA INKUNGA IMISHINGA, N'AYANDI MASHAMI IYO BIBAYE NGOMBWA;

## INSHINGANO 04

- GUHEMBA NEZA KANDI MU GIHE ABAKOZI BU MU MUJYI WA KIGALI;
- KUGENZURA NO GUSHYIRA MUBIKORWA AMABWIRIZA AGENGA KUGURA IBIKORESHO NO GUTANGA AMASOKO;

## INSHINGANO 05

- GUCUNGA IBIKORESHO UMUJYI UFITE *(LONG TERM /SHORT TERM ASSETS);*
- KUGURA NO GUCUNGA IBIKORESHO BYA BURI MUNSI;

## IMIHIGO YA UNIT 01

- Gukora inyandiko igaragaza amahugurwa Abakozi bakeneye;
- Guhugura Abakozi;
- Gukora ingendo Shuri;

## IMIHIGO YA UNIT 02

- Gushyiraho uburyo bwo kugenzura imikorere y'Abakozi;
- Gushyiraho ingamba zo gushishikariza, kwishimira umurimo no gukorera Umujyi wa Kigali igihe kirekire;

## IMIHIGO YA UNIT 03

- Gukora ibarura ry'umutungo wimukanwa n'utimukanwa w'Umujyi wa Kigali ugahabwa '*nomero ndanga*';

## IMIHIGO YA UNIT 04

- Gukoresha amahugurwa y'abakozi bashinzwe gutanga amasoko mu Mujyi wa Kigali no mu Turere;

- Gushyirwaho ikorana buhanga (software) mugucunga stock.

## IBYASHYIZWE MU BIKORWA 01

- Imbonerahamwe igaragaza amahugurwa abakozi bakeneye yarakozwe;
- Hari abakozi bitabiriye amahugurwa mu Rwanda no mu mahanga: *(Mgt. & Leadership, Health inspection na ICT);*

## IBYASHYIZWE MU BIKORWA 02

- Ibiganiro na batera nkunga kugirango bazitabire guhugura abakozi;
- Sports y'abakozi buri wa gatanu muburyo bwo guteza imbere ubusabana hagati y'Abakozi ndetse n'Umujyi;

## IBYASHYIZWE MU BIKORWA 03

- Nyuma yivugururura harimo gutegurwa inyandiko yogutanga isoko ryo kubarura ibikoresho

## IBYAKOZWE NUBWO BITARI MU MIHIGO 01

- Gutanga umusanzu mu isanduku y'ubufatanye y'Abakozi bu mujyi wa kigali

- Inama za huje Ubuyobozi n'Abakozi bakangurirwa kugira imikorere myiza

## IBYAKOZWE NUBWO BITARI MU MIHIGO 02

- Gushyiraho imbonerahamwe y'imirimo yerekana akazi gakenewe koko
- Gushaka no gushyiraho abakozi bashoboye.
- Imishahara n'ibijyana nayo

byishyuriwe igihe

## IBITEGANYIJWE

- Gushyiraho ikorana buhanga mu gucunga ububiko bwibikoresho;
- Buri gikoresho kugira nomero ikiranga n'igiciro gifite,

## IBITEGANYIJWE

- DEVELOPING AN INTERNAL HUMAN RESOURCE POLICY and PROCEDURE MANUAL

# UNITE ISHINZWE ITANGAZAMAKURU N'ITUMANAHO

# Iriburiro

Mu rwego rwo kwimakaza umuco wa demokorasi no gushyiraho uburyo abaturage bamenya ibibakorerwa, bakana bitangaho ibitekerezo, Umujyi wa Kigali washyizeho Urwego rushyinzwe Itangazamakuru n'Itumanaho.

**Inshingano za Unite**

- Kumenyekanisha ibikorwa b'Umujyi wa Kigali,
- Guteza imbere isura y'Umujyi mu binyamakuru, radio, television nibindi bitangazamakuru
- Kunoza umubano ushingiye ku butwererane n'ubufatanye n'imijyi inyuranye n'imiryango mpuzamahanga
- Gushyiraho uburyo abaturage banyuzamo ibitekerezo, ibibazo n'inama,
- Gushyiraho Ububiko bw'inyandiko n'isomero ry'inyadiko zose zitanga amakuru ku Mujyi wa Kigali nindi Mijyi bifitanye umubano.

## Imihigo mata-Ukuboza 2006

- Kwongera gusinya amasezerano hagati y'Umujyi wa Kigali na SNV hakabaho amahugurwa y'abakozi
- Gusubukura no Kuvugurura umubano nindi Mijyi hasinywa amasezerano hakurikijwe priority z'Umujyi,
- Kumenyekanisha ibikorwa by'umujyi hakorwa nibura Ikiganiro 1 buri kwezi kuri TVR na 1 buri cyumweru kuri Radiyo.

## Ibimaze kugerwaho

- Murwego rwo guhuza Umujyi n'imiryango mpuzamahanga Umujyi wa Kigali urakorana n'imiryango—SNV, Cities Alliance
- Umujyi wa kigali witabiriye imama mpuzamahanga – Joint cooperation committee South Africa-Rwanda

**Ibitaragerwaho**

- Ikiganiro gihoraho cyo kuri TVR no kuri radiyo Rwanda ariko imishyikirano irakomeza kandi bizagerwaho umwaka utararangira.

**Ibiteganywa gukorwa**

- Gutegura agatabo gakubiyemo amakuru y,ingenzi k'Umujyi wa Kigali
- Gufasha Akarere ka Nyarugenge kugira website
- Gutegura imbanziriza mushinga yo kwizihiza isabukuru y'imyaka 100 Umujyi wa Kigali umaze.

**Ibiteganywa gukorwa**

- Gushiraho uburyo ngenderwaho bwo kumenyekanisha ibikorwa by'Umujyi wa Kigali (Communication Strategy)
- Ibiganiro bigenewe abanyamakuru buri kwezi
- Gushyiraho umurongo wa Telefone(hotline) na SMS uhoraho wo kubarizaho ibibazo no gutanga ibitekerezo.

# UNITE Y'IKORANABUHANGA ICT

## Imihigo

1. 80% by'abakozi kuba bafite ibikoresho bya ICT bigezweho kandi bari kuri network bose bafite na connection ya Internet
   - Ordinateur zishaje, imprimante nyinshi za kera.
2. 90% by'abakozi kuzaba bafite Uburyo buhendutse bw'itumanaho
   - 60% by'abakozi bafite extension.
   - Buri muyobozi afite telephone fixe

## Imihigo

3. Amakuru yageze kuri Unité ya ICT ashyirwa kuri website uwo minsi
   - Website ihari ntabwo inoze kandi ifite amakuru make;
4. Gukurikirana uko ICT itezwa imbere mu Turere no mu Mirenge
   - ICT mu Turere iracyari hasi
5. Gukurikirana igikorwa Connection MINALOC-MINICOFIN-Umujyi wa Kigali-Uturere tuwugize.

## AHO IMIHIGO IGEZE YESWA

## Abakozi n'ibikoresho

- Dufashijwe na RITA ikigo cya Leta gishinzwe ICT, twigiye hamwe ibikenewe byose kugirango tubashe gusubiramo Network Systems z'umujyi wa Kigali harimo cyane cyane no kuvugurura imikorere ya GEOMAPS;

## Abakozi n'ibikoresho...

- Mu gushakira abakozi ibikoresho; tugeze kuri 54% by'abakozi bose (60)
  - abo twabiguriye bangana 21%
  - 33% bari babisanganywe;
  - Komisiyo z'Abajyanama zose.
- Ku gikorwa cyo guhugura abakozi, twategere ko igikorwa cyo gushaka abakozi kibanza kikarangira kirimo gikorwa.

## Abakozi n'ibikoresho...

- Itumanaho rihendutse kandi ryihuse:
  - Abakozi bose b'Umujyi wa Kigali bafite uburyo bakoresha bw'itumanaho butangwa na MTN Rwandacell (CUG) kuburyo bavugana bakoresheje mobile zabo niyo nta mafaranga arimo; tukaba tubukoresha kugera ku rwego rw'Umurenge;
  - 90% y'ibyumba bikorerwamo bifite telefone za extention;
  - Kuri buri rwego rw'umurimo hari telephone fixe;

## Website y'Umujyi wa Kigali

- Website y'Umujyi wa Kigali yahawe isura nshya, kuburyo ubu isigaye igaragarira neza abayisura; kubera ko iri vugurura ryayo rigikomeza turabasaba kujya muyisura kenshi mukaduha ibitekerezo byanyu kubyo twakongeraho mu kuyigira nziza kurushaho.
- Umurongo wayo ni www.kigalicity.org ariko mu minsi mike uraza kuba www.kigalicity.gov.rw nk'indi miromgo yose y'ibigo bya Leta.

## ICT mu Turere

- Akarere ka Kicukiro:
  - Kaguze ibikoresho bya ICT ku buryo abakozi bavuye kuri 14% bijya kuri 60% byabafite ibikoresho bijyanye n'igihe tugezemo;
  - Katangaje isoko ryo kubakorera Network ku biro by'Akarere;
  - Abayobozi 4 bo hejuru nibo bayifite Internet bakoresheje uburyo bwa Modem ya MTN, ariko karateganya kuyigeza ku bakozi bose Network nirangira mbere y'uyu mwaka;

## ICT mu Turere...

- Akarere ka Nyarugenge:
  - 50% by'abakozi bafite ibikoresho bijyanye n'igihe tugezemo; katanze isoko ryo kongera ibyo bikoresho kugera kuri abo 50% basigaye;
  - Katangiye gukora «Termes de références» zo gusubiramo Network y'Akarere;
  - Gafite Internet igera kuri buri mukozi ufite imashini nzima;

## ICT mu Turere...

- Akarere ka Nyaregenge...:
  - Uretse umurenge wa Kanyinya utagira amashanyarazi indi mirenge yose ifite byibura computer imwe;
  - Nta murenge numwe ufite Internet ariko biri mu bintu akarere gateganya ku Mirenge imwe n'imwe nka Nyarugenge na Muhima.
  - Kagiranye amasezerano y'ubufatanye na Rwanda Development Gateway mu rwego rwo kubafasha kuzamura ICT yako harimo cyane cyane no kubakorera website y'Akarere.

## ICT mu Turere…

- Akarere ka Gasabo:
  - Kaguze ibikoresho bya ICT kuburyo 20% by'abakozi aribyo bisigaye bidafite ibikoresho bigezweho;
  - Kageze ku rwego rwo gutanga isoko ryo gukora Network ku biro by'akarere;
  - Abayobozi 4 bo hejuru nibo babonye Internet ariko n'abandi bakozi ikazabageraho nyuma yo gukora Network

## ICT mu Turere…

- Akarere ka Gasabo…:
  - Bakoze website y'Akarere kuburyo bageze ku rwego rwo kuyishyira ahagaragara;
  - Uretse imirenge Jali, Jabana, Rutunga, Gikomero, Nduba na Bumbogo bitewe nuko nta mashanyarazi igira nta n'ibikoresho bya ICT biharangwa, indi yose ifite byibura computer imwe ijyanye n'igihe tugezemo;

## Ibitaragezweho n'Impamvu:

- Gukurikirana igikorwa Connection Minaloc-Minicofini-Umujyi wa Kigali-Uturere tuwugize ntibiragerwaho kubera ko umushinga ukinonotsorwa ku rwego rwa MINALOC mu gihe n'Uturere tukiri kubaka Networks zatwo

## Ibiteganyijwe gukorwa mu gihembwe cya Kane 2006

- Gushakira abakozi amahugurwa mu ikoreshwa ry'ibyuma kabuhariwe;
- Gutegura ibisabwa byose kuburyo imirimo y'isubiramo rya ICT Systems z'Umujyi wa Kigali zitangira gukoreshwa mu ntangiriro z'umwaka utaha;

## Ibiteganyijwe gukorwa mu gihembwe cya Kane 2006…

- Gukomeza gushakira abakozi bose ibikoresho bya ICT bijyanye n'igihe tugezemo kugeza 100% tubifashijwemo na Minaloc;
- Gufatanya na MINALOC mu gikorwa cyo guhuza Network z'Umujyi wa Kigali, Uturere, MINALOC na MINECOFIN.
- Gukomeza gufasha Uturere mu bikorwa byatwo bijyanye na ICT

## Ibiteganyijwe gukorwa mu gihembwe cya Kane 2006…

- Gukorana na Rwanda Gateway Development mu kudufasha kunoza neza website y'Umujyi wa Kigali.
- Konoza imihigo y'umwaka utaha;

# UNITE ISHINZWE KWINJIZA UMUTUNGO NO GUCUNGA IMARI

## IMITERERE YA UNITE

- Unité ishinzwe kwinjiza umutungo no gucunga imari ifite abakozi 5 bakurikira :
  1. Umuyobozi wa unite
  2. Ushinzwe kwinjiza imisoro n'amahoro
  3. Ushinzwe gutegura no gukurikirana ingengo y'imari no guhuza ama raporo
  4. Ababaruramari 2

## Inshingano za unité

- Gushyiraho ingamba zo kongera umutungo
- Gufasha Uturere mu igenamigambi rigamije kwinjiza imari
- Gukurikirana imyinjirize y'imisoro n'amahoro mu Turere
- Guhugura abashinzwe kwinjiza imari mu Turere
- Gucunga imikoreshereze y'imari
- Gutegura igabana ry'amafaranga yinjira hagati y'Uturere n'Umujyi wa Kigali
- Gutegura ingengo y'imari y'Umujyi wa Kigali no gukurikirana uko ishyirwa mu bikorwa
- Guhuza raporo zaturutse muri za unite no mu Turere

## Inkomoko y'amafaranga yinjira mu Mujyi wa Kigali

- Imisoro : Ipatante, umusoro ku bukode, umusoro ku mutungo utimukanwa
- Amahoro : Ubukode bw'imyanya mu masoko, amafaranga aturuka mu bikorwa by'isuku,ibyemezo bitangwa mu Turere, ubukode bw'ibibanza, uburenganzira bwo kubaka, impapuro mpamo n'ibindi.

## Ibyari biteganyijwe gukorwa mu mihigo ya unite

- Kubaka isoko rya kijyambere ribika neza imyaka
- Kubaka isoko rya kijyambere mu Mujyi hagati
- Kwinjiza 3 338 104 349 by'imisoro n'amahoro

  Habanje kungera abakozi ubushobozi tubifashijwemo n'umushinga wa Cities Alliances, kubarura abasoreshwa bakandikwa muri mubazi

## Ibyateganyijwe gukorwa mu mihigo ya unite

- Gukora ibarura ry'umutungo utimukanwa
- Gushyiraho porogaramu y'ibaruramari
- Amahugurwa y'abashinzwe icungamutungo no gutanga amasoko ya Leta mu Mujyi wa Kigali no mu Turere

## Ibyakozwe bikubiye mu mihigo ya unité ishinzwe kwinjiza umutungo no gucunga imari

- Inyigo y'isoko rya kijyambere(Isoko ry'ibiribwa) igiye kurangira
- Isoko rya kijyambere rya Nyarugenge ryatangiye kubakwa
- Gukurikirana uko dosiye zishyura imisoro n'amahoro muri 2006, zikaninjizwa muri mubazi kuri "data base ya GIS" byarakozwe mu Turere tugize Umujyi wa Kigali
- Abakozi bashinzwe icungamutungo mu Turere bahuguwe na National Tender Board ku itangwa ry'amasoko ya Leta
- Ibarura ry'ingo kugirango tumenye abasoreshwa

## Aho ibarura ry'ingo rigeze rikorwa kugirango umubare w'abasoreshwa umenyekane

| Akarere | Ingo zagombaga kubarurwa | Ingo zabaruruwe |
|---|---|---|
| Gasabo | 62,051 | 25,380 |
| Nyarugenge | 36,871 | 24,082 |
| Kicukiro | 34,405 | 33,356 |




## Ibitari byakorwa biri mu mihigo n'impamvu

- Gutangiza ibikorwa by'umushinga wa Cities Alliances
- Gukora ibarura ry'umutungo utimukanwa
- Gushyiraho porogaramu y'ibaruramari "Logiciel comptable"

# Ibyakozwe bitari mu mihigo

- Kwishyura neza ibyakoreshejwe kugirango imyenda idakomeza kwiyongera

| Ibyishyuwe | Ibitari byushyurwa | % |
|---|---|---|
| 986,511,198 | 59,660,728 | 91,6 |



# Ingorane unité yahuye nazo mu birebana no kwinjiza umutungo

- Kugabanuka cyane kw'amafaranga yinjira mu Mujyi wa Kigali bitewe no kuba guhera mu ntangiro y'umwaka wa 2006 kugeza ubu nta bibanza bitangwa, inyandikompamo…

| Amezi | Amafaranga yinjiye |
|---|---|
| Mata | 210,168,963 |
| Gicurasi | 44,752,447 |
| Kamena | 59,706,834 |
| Nyakanga | 43,283,631 |
| Kamena | 64,136,978 |
| Nzeri | 61,371,335 |



## Ingorane za unité mu birebana no kwinjiza umutungo(Suite)

- Abakozi bashinzwe akazi ko gusoreha bari bataramenyera nyuma y'ivugurura rya 2006
- Ibirarane by'ibibanza bitishyurwa neza
- Umuco wo kutitabira kwishyura imisoro mu bamwe mu baturage
- Ibikoresho bidahagije mu kazi
- Uburyo bwo gukora bugifite utubazo(Systeme)

## Ingorane zijyanye no gucunga umutungo

- Kutagira porogaramu y'ibaruramari(Software )
- Ibirarane by'imyenda
- Gusabwa kwishyura ibirenze ubushobozi bigasaba ko habaho kuguza( kongera imyenda)
- Bamwe mu bishyuza Umujyi wa Kigali ariko bafite dosiye zituzuye

## Ibyo tuzibandaho

- Tuzashishikariza abaturage kwitabira gutanga imisoro
- Tuzateza imbere imicungire y'imari hakoreshejwe ikoranabuhanga
- Tuzaharanira kongera ubushobozi abakozi bashinzwe icungamutungo mu Mujyi wa Kigali, mu Turere no mu Mirenge
- Tuzafasha inzego z'Uturere n'Imirenge kugira imikorere inoze yo kwinjiza imari no kurushaho kuyicunga neza

## Ibyo tuzibandaho

- Tuzafatanya n'abikorera ku giti cyabo guteza imbere imishinga yo guteza imbere ubukungu

## UBWUNGANIZI MU MATEGEKO

## IBYARI BITEGANYIJWE MATA 2006- UKWAKIRA 2006

- Gufatanya na MINITERE Gutegura amateka y'ubutaka
- Gukangurira no kwigisha itegeko Ngenga ryo kurengera no kubungabunga ibidukikije

## Ibyagezweho mu Mategeko

- Hakozwe amahugurwa y'abanyamabanga nshingwabikorwa abagoronomes b'Imirenge yose n'abashinzwe ibidukikije mu Turere ku itegeko Ngenga ry'ibidukikije: Inzego z'ibanze, 80 % zizi ibikubiye muri iryo tegeko
- Dufatanyije na MINITERE, hateguwe amateka atatu y'ingenzi yerekeranye n'itangwa ry'ibibanza mu Mujyi wa Kigali: Ubu yasohotse mw'igazeti ya Leta, afite ikigereranyo cya 60%

## Ibiteganyijwe mu Mategeko mu mezi abiri asigaye

- Gukurikirana uko itegeko ry'ibidukikije rikangurirwa abaturage bose muri V.K

## IBITAKOZWE N'IMPAMVU

. Abantu batandukanye bo mu Tugari two mu Turere twa Nyarugenge na Kicukiro ntibarahugurwa ariko birategurwa.

# ISHAMI RY'UMUTEKANO

# INSHINGANO

Kwita ku bikorwa byo kubungabunga umutekano w'Abantu n'Ibintu mu Mujyi wa Kigali

# IMIHIGO

Gufatanya n'izindi nzego z'umutekano gushakisha no guhashya ibikorwa bihungabanya umutekano:

- Ubwicanyi
- Ubujura
- Guhohotera abana n'abategarugori
- Ibiyobyabwenge
- Urugomo
- N'ibindi bikorwa byose bigamije guhungabanya umutekano w'abantu n'ibyabo

## IBYAKOZWE MU KUBUNGABUNGA UMUTEKANO

| | |
|---|---|
| Abajura batahuwe bakanafatwa | 228 |
| Abakoze urugomo bafashwe | 179 |
| Abacuruza urumogi bafashwe | 45 |
| Abasambanyije abana bato bafashwe | 50 |
| Abakuyemo inda k'ubushake bafashwe | 22 |
| Raporo za buri munsi zakozwe | 304 |
| Raporo z'icyumweru zakozwe | 43 |
| Raporo z'ukwezi zakozwe | 10 |
| Imbunda zafashwe | 20 |
| Grenade zafashwe | 26 |
| Dosiye z'abaturage zakorewe iperereza zarangiye | 93 |

## IBIBAZO BIHARI

- Abaturage batitabira amarondo
- Kuba Transit Center itaruzura kugira ngo inzererezi zifatwe, zibone aho zishyirwa mbere yo gusubizwa iwabo
- Abaturage bamwe na bamwe bagihishira abahungabanya umutekano: abajura, abacuruza ibiyobyabwenge, etc.

**INGAMBA ZAFASHWE**

- Amarondo y'abaturage bafatanyije n'inzego z'umutekano
- Amahugurwa ya Local Defence
- Amahugurwa y'Inzego z'Ibanze kuva ku Mudugudu kugeza ku rwego rw'Akarere
- Gukoresha inama z'abaturage
- Transit Center irimo gitunganywa i Gikondo, yo gushyiramo inzererezi zifatwa

**INGAMBA ZAFASHWE (suite)**

- Kubarura inzererezi kuri buri mudugudu
- Kuzisubiza iwabo zigashyirwa mu bigo ngororamuco, bagakorerwa imishinga yo kwibeshaho
- Gukomeza gushakisha abahungabanya umutekano, bagashyikirizwa ubutabera
- Gushakisha amakuru ku bategura ibikorwa bihungabanya umutekano no kubiburizamo